



Werurwe 2022

Ikinyarwanda

Imitima yacu ntiyari yuzuye ibinezaneza se?

(Lk 24,32)

Kontakt:

Meinolf Wacker

Kirchplatz 7

59174 Kamen

Mobil.:

+49-172-5638432

Mail:

meinolf.wacker@go4peace.eu

Homepage

www.go4peace.eu

**Sangiza abandi ibyo wanyuzemo!
Share your experience!**

Nshuti bakunzi ba go4peace,

Hari habaye ibantu bidasanzwe. Inshuti za Yezu zari zimaze kumenya ko ari we Mesiya. Kuri bo byarumvikanaga ko ari we uje kubagobotora ubutegetsi bw'Abaromani. Umwe muri bo witwaga Yuda ndetse yamutanze baromani. Nk'uko yabibonaga, yagira ngo afashe kwihutisha igihe Yezu nka Mesiya wari utegerezwe, yagombaga kugaragaza ububasha bwe akarimbura ubutegetsi bw'abaromani. Ariko ibi byose si ko byagenze. Yezu yerekaniye ububasha bwe mu ntege nke z'urukundo. Yemeye kubambwa, apfa nabi nk'umugizi wa nabi. Yerekanye aho urukundo rushobora kugera. Rugenda inzira zose kugera mu mwijima w'ubwigunge bwa muntu.

Bari aho ngaho bibaza. Baba baribesye inzira? Imbere y'inshuti zabo n'imiryango yabo basaga nk'aho batsinzwe rwose. Muri uko kwiheba no kubura amajyo, ni bwo babiri muri bo bafashe inzira berekeza i Emawusi. Mu nzira bagendaga baganira bibavuye ku mutima ibyari bimaze kuba byose. Ibyo byashoboraga kuborohereza umutwaro ho gake. Umuntu batari bazi aho aturutse agira atya araza akorana na bo urugendo. Atangira kubabaza yitonze ibyo baganiraga ahera ko ashyira urumuri rushya ku byabaye byose. Bageze Emawusi, agumana nabo. Imitima yabo yagurumanaga ibyishimo. Ubwo bari ku meza basangira, ni bwo babonye ko ari Yezu bari kumwe. N'ubwo bwose batari bamumene ni we wari wabahaye urumuri, amahoro, gusobanukirwa ndetse n'umutima wagurumanaga ibyishimo. Muri aho kanya ntibongera kumubona. Ako kanya bahise basobanukirwa icyo bagomba gukora: Ntibashoboraga kwihererana ibyo bari bamaze kumva no kubona, bagombaga kubisangiza abandi. Muri iryo joro bahise bafata inzira basubira i Yeruzalemu kugira ngo babitekereze inshuti zabo.

Wigeze kumva nave umutima wawe ugurumana ibinezaneza kubera ko wakozweho na Yezu – haba mu kiganiro wagiranye n'undi muntu, haba mu kuvumbura ikintu cyari kuri wowe amayobera, haba se mu nyigisho cyangwa se mu bintu wanyuranyemo na bagenzi bawe...? Fata akanya gato ubitekerezeho. Nusanga hari umwe cyangwa babiri mu nshuti zawe ubona muri uyu mwaka wifusa ko mwakorana urugendo, ngaho basangize ibyo byakubayeho muri uku kwezi dutangiye. Tomás' na we byamubayeho yumva umutima we ugurumana:

„Imyaka myinshi najyanaga n'abandi mu rugendo rwekeza i Sarayeo mu ngando za go4peace. Igihe cyase nabaga ndi kumwe n'abandi mu matsinda menshi twahuriragamo dufasha abandi, niyumvagamo ibyishimo mu mutima ntari narigeze ngira mu buzima. Umwaka wose nabaga ntegererazanyije ibyishimo byinshi umunsi ingando zizaberaho. Nyumva naje kujya gusura Meinolf i Kamen mpamara iminsi mike. Ni uko mutekererezza iby'ibyo byishimo nari mfite mu mutima. Twari twicaye ku ntebe hanze ku kazuba. Meinolf, yoroheje, amfasha kumva ko: „Wari uzi n'ikindi, ibyo byishimo wumva mu mutima wawe, ni ikimenyetso cy'uko Yezu ari hagati yacu. Mu ngando waritanze cyane ubigiranye urukundo. N'abandi bari mu ngando, na bo babigenje gutyo. Muri aho kanya rero Yezu ubwe yaje hagati yanyu nk'umuntu nyamuntu. Ntitumubonesha amaso yacu ya muntru, ariko kuba ahari ubibwirwa n'ibyishimo, amahoro, ukwhiangana ndetse n'umutima wawe ugurumana ibyishimo.“ Nari muteze amatwi. Ndibuka uburyo amarira yanze ganga mu maso. Yari amarira y'ibyishimo. Nzi neza ko: Nawe hari byinshi ufite ku mutima.“

Sangiza abandi ibyo wanyuzemo! – Share your experience!

Ku bw'itsinda go4peace

Meinolf Wacker